

**RAPORO Y'AMATORA
Y'ABASENATERI
2019**

Ugushyingo 2019

ISHAKIRO

ISHAKIRO.....	i
URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE.....	ii
AMAGAMBO AHINNYE.....	iii
IJAMBO RY'IBANZE.....	iv
1. INTANGIRIRO.....	1
2. IMYITEGURO Y'AMATORA.....	2
2.1 Gutegura gahunda y'amatora no kuyimenyekanisha.....	2
2.2 Kugena no gushaka ingengo y'imari.....	2
2.3 Gutegura imishinga y'Amateka n'Amabwiriza.....	3
2.4 Gutegura no gushaka ibikoresho by'amatora.....	3
2.5 Gutegura ilisiti y'inteko zitora.....	4
2.6 Gushyiraho no guhugura abayobora amatora.....	5
2.7 Gukangurira Abanyarwanda ibikorwa by'amatora.....	6
2.7.1 Ibyiciro byahuguwe ku matora y'Abasenateri.....	6
2.7.2 Uburyo bwakoreshejwe mu guhugura ku matora y'Abasenateri.....	7
2.8 Kumenyekanisha no gutegura ahatorerwa.....	7
2.9 Gutumira no kwakira Indorezezi z'amatora.....	8
2.10 Kwakira no kwemeza kandidatire.....	9
2.11 Kwiyamamaza kw'Abakandida.....	10
3. AMATORA NYIRIZINA N'IBYAYAVUYEMO.....	13
3.1 Uko amatora yagenze.....	13
3.2 Ubwitabire mu matora.....	13
3.3 Ibyavuye mu matora.....	15
4. IKIGERERANYO CY'AMATORA YA 2011 N'AYA 2019.....	16
5. IBYARANZE AMATORA.....	18
5.1 Ibyiza byaranze amatora.....	18
5.2 Imbogamizi zagaragaye.....	18
6. INGAMBA.....	18
7. UMUSOZO.....	19

8. IMIGEREKA.....	19
1. GAHUNDA Y’AMATORA Y’ABASENATERI.....	19
2. ABAHUGUWE NA KOMITE MPUZABIKORWA.....	21
3. INDOREREZI ZAKURIKIRANYE AMATORA.....	24
4. UBWITABIRE MU GIKORWA CYO KWIYAMAMAZA.....	25
5. IBYAVUYE MU MATORA.....	27

URUTONDE RW’IMBONERAHAMWE

Imbonerahamwe ya mbere 1: Ingengo y’Imari yakoreshejwe.....	3
Imbonerahamwe ya 2: Ibikoresho byakoreshejwe mu matora.....	4
Imbonerahamwe ya 3: Umubare w’Abagize Inteko itora Abasenateri n’aho batorerwa.....	5
Imbonerahamwe ya 4: Abakorerabushake bayoboye amatora.....	5
Imbonerahamwe ya 5: Ibyiciro byahuguwe ku matora y’Abasenateri.....	6
Imbonerahamwe ya 6: Indorerezi zakurikiranye amatora y’Abasenateri.....	8
Imbonerahamwe ya 7: Abakandida bemejwe n’Urukiko rw’Ikirenga n’aho batorerwa.....	9
Imbonerahamwe ya 8:Gahunda na site zo kwiyamamaza mu Ntara n’Umujyi wa Kigali.....	11
Imbonerahamwe ya 9: Gahunda na site zo kwiyamamaza muri Kaminuza n’Amashuri Makuru.....	12
Imbonerahamwe ya 10: Ubwitabire mu kwiyamamaza.....	13
Imbonerahamwe ya 11: Ubwitabire mu matora y’Abasenatri mu 2019.....	13
Imbonerahamwe ya 12: Abatowe mu myanya y’Abasenateri.....	15
Imbonerahamwe ya 13: Ikigereranyo cy’amatora y’Abasenateri mu 2011 no mu 2019.....	16

AMAGAMBO AHINNYE

AUCA	Adventist University of Central Africa
CAVM	College of Agriculture, Animal Science and Veterinary
CHUR	Christian University of Rwanda
CUR	Catholic University of Rwanda
EAUR	East African University of Rwanda
ICE	Indangaburezi College of Education
ICK	Institut Catholique de Kabgayi
ILPD	Institute of Legal Practice and Development
INES	Ruhengeri: Institut d'Enseignement Supérieur de Ruhengeri
IPRC	Integrated Polytechnic Regional College
KIM	Kigali Institute of Management
Mt Kenya University	Mount Kenya University
PIASS	Protestant Institute of Arts and Social Sciences
ST Jos. ITC	St Joseph Integrated Technical College
UGH	University of Global Health Equity
UK	University of Kigali
ULK	Université Libre de Kigali
UNDP	United Nations Development Programme
UNIK	University of Kibungo
UNILAK	University of Lay Adventists of Kigali
Uof Gitwe	University of Gitwe
UR	University of Rwanda
UTAB	University of Technology and Arts of Byumba
UTB	University of Tourism, Technology and Business Studies

IJAMBO RY'IBANZE

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2, iya 10, iya 80 n'ya 139 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, Itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora mu ngingo zaryo iya 2, iya 3, n'ya 101 n'Itegeko N°31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite inshingano yo gutegura no kuyobora amatora y'Inzego z'Ibanze, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko (Umutwe w'Abadepite na Sena), aya Perezida wa Repubulika, aya Referandumu n'andi matora itegeko ryagena.

Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye, inayobora amatora y'Abasenateri ku buryo bukurikira:

- Tariki ya 16 Nzeri 2019, amatora y'Abasenateri 12 batorerwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali;
- Tariki ya 17 Nzeri 2019, amatora y'Umusenateri utorerwa muri Kaminuza n'Amashuri makuru bya Leta;
- Tariki ya 18 Nzeri 2019, amatora y'Umusenateri utorerwa muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga.

Muri ayo matora ingengo y'imari yakoreshejwe ingana na miliyoni magana abiri na mirongo itandatu n'imwe, ibihumbi ijana na cumi na bibiri n'amafaranga magana abiri na makumyabiri n'ane (**261,112,224 Frw**).

Muri rusange, amatora y'Abasenateri yanzwe n'umucyo, ubwisanzure, n'ubwitabire bushimishije. Abasenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu batowe ku bwitabire bugeze kuri 95.8%, naho muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga batorwa ku bwitabire bwa 83.2%, muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta batora ku bwitabire bungana na 69.5%.

Imigendekere y'amatora n'ibyayavuyemo byakiriwe neza n'abanyarwanda muri rusange n'abari abakandida by'umwihariko.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira Abanyarwanda bose muri rusange, n'abafatanyabikorwa mu matora by'umwihariko, ku bwitange bagaragaje mu myiteguro no mu miyoborere y'amatora.

Prof. KALISA MBANDA

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

1. INTANGIRIRO

Hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza agenga itora ry'Abasenateri, ndetse na gahunda y'amatora yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 07 Kamena 2019, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora y'Abasenateri yabaye kuva tariki ya 16 kugera 18 Nzeri 2019.

Muri ayo matora, Abasenateri batowe ni 14 barimo 12 batorwa mu buryo buziguye hashingiwe ku nzego z'imitegekere y'Igihugu (Intara n'Umujyi wa Kigali), Umusenateri umwe utorwa muri za Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'undi umwe utorwa muri za Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga.

Mu matora y'Abasenateri 12 batorwa hashingiwe ku nzego z'imitegekere y'Igihugu, ifasi y'itora ni Intara n'Umujyi wa Kigali. Inteko itora yari igizwe n'abagize Inama Njyanama z'Uturere n'abagize biro z'Inama Njyanama z'Imirenge bigize Intara. Mu Mujyi wa Kigali, inteko itora yari igizwe n'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali n'abagize biro z'Imirenge yo mu Mujyi wa Kigali.

Nk'uko biteganywa n'Iteka rya Perezida N° 091/01 ryo ku wa 16/08/2019 rigena ifasi y'itora, umubare w'Abasenateri batorwa muri buri fasi ndetse n'abagize inteko itora, imyanya y'Abasenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu yasaranganyijwe ku buryo bukurikira hashingiwe ku mubare w'abatuye muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali:

1. Intara y'Amajyaruguru: imyanya ibiri (2);
2. Intara y'Amajyepfo: imyanya itatu (3);
3. Intara y'Iburasirazuba: imyanya itatu (3);
4. Intara y'Iburengerazuba: imyanya itatu (3);
5. Umujyi wa Kigali: umwanya umwe (1).

Ku basenateri 2 batorwa muri za Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibigenga, ifasi y'itora ni Igihugu cyose. Inteko itora yari igizwe n'abarimu n'abashakashatsi bo muri ibyo bigo.

Mu gutegura no kuyobora amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yibanze ku bikorwa by'ingenzi harimo;

- kumenyekanisha gahunda y'amatora,
- gutegura ingengo y'imari n'ibikoresho by'amatora,
- gutegura imishinga y'Amateka n'Amabwiriza agenga amatora,
- gutegura ilisiti y'inteko itora no guhugura abayigize,
- gukangurira Abanyarwanda ibikorwa by'amatora,
- kumenyekanisha no gutegura ahatorerwa,
- gushyiraho no guhugura abayobora amatora,
- gutumira no kwakira indorerenzi,

- gutegura no gukurikirana ibikorwa byo kwiyamamaza,
- kuyobora amatora nyirizina no gutangaza ibyayavuyemo n'ibindi bikorwa nk'uko bigaragara muri iyi raporo.

Iyi raporo igaragaza kandi ibyaranze amatora n'ingamba zikwiye gufatwa kugira ngo amatora ataha azarusheho gutegurwa no kuyoborwa neza.

2. IMYITEGURO Y'AMATORA

2.1 Gutegura gahunda y'amatora no kuyimenyekanisha

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye umushinga wa gahunda y'amatora, uganirwaho n'inzego bireba n'abafatanyabikorwa kandi ushyikirizwa Inama y'Abaminisitiri, iremezwa.

Amatariki y'ingenzi yari muri iyo gahunda ni aya akurikira:

- Kwakira kandidatire: 22/07- 09/08/2019;
- Gutangaza kandidatire zemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga: 16/08/2019;
- Kwiyamamaza kw'abakandida: 26/08- 15/09/2019;
- Amatora y'Abasenateri 12 batorerwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali: 16/09/2019;
- Amatora y'Umusenateri utorerwa muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta: 17/09/2019;
- Amatora y'Umusenateri utorerwa muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga: 18/09/2019;
- Gutangaza burundu Abasenateri batowe: bitarenze 30/09/2019.

Nyuma yo kwemezwa, iyo gahunda y'amatora yamenyeshajwe Abanyarwanda, inteko itora n'Abafatanyabikorwa batandukanye kugira ngo ishyirwe mu bikorwa.

2.2 Kugena no gushaka ingengo y'imari

Kugira ngo amatora ategurwe kandi ayoborwe neza, agenerwa ingengo y'imari. Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye ingengo y'imari y'amatora y'Abasenateri iyishyikiriza inzego zibishinzwe. Haje kwemezwa ingengo y'imari ingana na **233,228,260Frw** yagombaga guturuka ku ngengo y'imari ya Leta. Kuri iyo ngengo y'imari hiyongereyeho **27,883,964 Frw** yatanzwe na UNDP. Ingengo y'imari yose hamwe yakoreshejwe mu matora yanganaga n'amafaranga y'u Rwanda **261,112,224Frw**. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko ingengo y'imari yakoreshejwe.

Imbonerahamwe ya mbere 1: Ingengo y’Imari yakoreshejwe

Ibikorwa	Leta y’u Rwanda	Umuterankunga (UNDP)	Igiteranyo	%
Guhemba Abakorerabushake	12,240,000		12,240,000	4.7
Gukodesha Imodoka n’Ingendo	78,742,480		78,742,480	30.2
Gucapa no Gutubura Impapuro z’Itora n’izindi zijyanye n’Amatora	38,952,364		38,952,364	14.9
Inyigisho z’Uburere mboneragihugu ku matora	54,310,384	27,883,964	82,194,348	31.5
Kumenyekanisha Ibikorwa by’Amatora	23,362,972		23,362,972	8.9
Amafara y’Itumanaho	8,185,000		8,185,000	3.1
Imyambaro iranga Abakozi n’Abakorerabushake	2,972,060		2,972,060	1.1
Gukora isuzumamigendekere y’amatora	14,103,000		14,103,000	5.4
Gutegura no gutubura raporo y’amatora	360,000		360,000	0.1
IGITERANYO	233,228,260	27,883,964	261,112,224	100
%	89.3	10.7	100	

2.3 Gutegura imishinga y’Amateka n’Amabwiriza

Mu gutegura amatora y’Abasenateri, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora yateguye imishinga y’Amateka n’Amabwiriza akurikira:

- ◆ Umushinga w’Iteka rya Perezida N° 091/01 ryo ku wa 16/08/2019, rigena ifasi y’itora, umubare w’Abasenateri batorwa muri buri fasi ndetse n’abagize inteko itora;
- ◆ Umushinga w’Iteka rya Perezida N° 092/01 ryo ku wa 16/08/2019, rigena umunsi w’amatora n’igihe cyo kwiyamamaza mu matora y’Abasenateri;
- ◆ Amabwiriza N° 02/2019 yo ku wa 20/08/2019 ya Komisiyo y’Igihugu y’Amatora, agenga itora ry’Abasenateri muri 2019;

2.4 Gutegura no gushaka ibikoresho by’amatora

Kugira ngo amatora y’Abasenateri azakorwe neza, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora yateguye kandi ishaka ibikoresho by’amatora.

Ibikoresho byakoreshejwe muri aya matora harimo ibyari bisanzwe mu bubiko bwa Komisiyo y’Igihugu y’Amatora n’ibyanguzwe mu gihe cyo gutegura amatora. Ibitari bihari byaguzwe ni ibi bikurikira.

Imbonerahamwe ya 2: Ibikoresho byakoreshejwe mu matora

Ibikoresho byari bikenewe			Ibikoresho byari mu bubiko			Ibikoresho byaguzwe		
No	Amazina y'ibikoresho	Ibyari bi kenewe	Ibikoresho	Igiciro	Igiteranyo	Ibyaguzwe	Igiciro	Igiteranyo
1	Plastic bags	30	30	1,000	30,000	0	0	0
2	Imifuka	127	127	500	63,500	0	0	0
3	Agraffe	12	12	221	2,652	0	0	0
4	Scotch	69	69	800	55,200	0	0	0
5	Envepoe A ₃	357	357	25	8,925	0	0	0
6	Impapuro	45	45	4,500	202,500	0	0	0
7	Markers	235	235	250	58,750	0	0	0
8	Flip chart	52	52	7,000	364,000	0	0	0
9	T-shirts	284	0	-	-	284	10,465	2,972,060
10	Banners	55	0	0	0	55	11,200	616,000
11	Amakaramu	430	430	150	64,500	0	0	0
14	Tampon spécial	4	4	3,700	14,800	0	0	0
	Impapuro z'itora:				0			0
15	Umujyi wa Kigali	122	0	-	0	122	27	3,294
	Iburasirazuba	505	0	-	0	505	200	101,000
	Amajyaruguru	455	0	-	0	455	200	91,000
	Amajyepfo	543	0	-	0	543	200	108,600
	Iburengerazuba	513	0	-	0	513	200	102,600
	Amashuri	697	0	-	0	697	30	20,910
16	Amabwiriza	120	0	-	0	120	1800	216,000
17	Amasanduka y'itora	30	30	21,000	630,000		0	0
IGITERANYO					709,300			4,231,464

2.5 Gutegura ilisiti y'inteko zitara

Inteko itora Abasenateri 12 igizwe n'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge hamwe n'abagize Inama Njyanama z'Uturere bigize Intara. Mu mujyi wa Kigali, inteko itora igizwe n'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge igize Umujyi wa Kigali n'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

Muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibygenga, inteko itora igizwe n'abarimu n'abashakashatsi bakora ku buryo buhoraho muri ibyo bigo. Ni muri urwo rwego, hateguwe urutonde rw'abagize inteko zitara ku buryo bukurikira. Inteko zitara zose zigizwe n'abatora ibihumbi bine n'ijana na mirongo itatu (**4,130**) barimo abagore **40.8%** mu Ntara n'Umujyi wa Kigali, ariko bangana na **20.3%** muri Kaminuza n'Amashuri Makuru.

Imbonerahamwe ya 3: Umubare w'Abagize Inteko itora Abasenateri n'aho batorerwa

Aho batorerwa	Abari kurutonde	Gabo		Gore	
	Bose	Bose	(%)	Bose	(%)
Mu Ntara n'Umujyi wa Kigali	2,022	1197	59.2	825	40.8
Amajyaruguru	434	264	60.8	170	39.2
Amajyepfo	513	294	57.3	219	42.7
Iburasirazuba	482	286	59.3	196	40.7
Iburengerazuba	477	286	60.0	191	40.0
Umujyi wa Kigali	116	67	57.8	49	42.2
Muri Kaminuza n'Amashuri Makuru	2,108	1680	79.7	428	20.3
Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta	1,381	1088	78.8	293	21.2
Kaminuza n'amashuri makuru byigenga	727	593	81.6	134	18.4
Igiteranyo rusange	4,130	2879	69.7	1251	30.3

2.6 Gushyiraho no guhugura abayobora amatora

Hashingiwe ku mubare w'ibyumba by'itora byagenwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho abakorerabushake **90**, ni ukuvuga 3 muri buri Karere bafashije kuyobora amatora mu byiciro byose. Abo bakorebushake bahuguwe ku mabwiriza agenga amatora y'Abasenateri ku wa 15/09/2019.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana imibare y'abakorerabushake bayoboye amatora muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Imbonerahamwe ya 4: Abakorerabushake bayoboye amatora

INTARA/ UMUJYI WA KIGALI	UTURERE	ABAYOBOYE AMATORA				
		BOSE	Gore		Gabo	
			Bose	%	Bose	%
Amajyaruguru	5	15	6	40	9	60
Amajyepfo	8	24	3	12.5	21	87.5
Iburasirazuba	7	21	4	19	17	81
Iburengerazuba	7	21	7	33.3	14	66.7
Umujyi wa Kigali	3	9	4	44.4	5	55.6
IGITERANYO	30	90	24	26.6	66	73.4

2.7 Gukangurira Abanyarwanda ibikorwa by'amatora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yamenyekanishije inasobanurira Abanyarwanda ibyerekeye amatora y'Abasenateri yo muri Nzeri 2019 ibinyujije mu mahugurwa, itangazamakuru, ibiganiro mbwirwaruhame, ubutumwa hifashishijwe ikoranabuhanga, ubutumwa bumanitse, n'ibindi.

2.7.1 Ibyiciro byahuguwe ku matora y'Abasenateri

Ibyiciro bitandukanye byahuguwe ku bijyanye n'amatora y'Abasenateri n'uruhare rwabo muri ayo matora. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibyiciro byahuguwe n'ubwitabire mu mahugurwa.

Imbonerahamwe ya 5: Ibyiciro byahuguwe ku matora y'Abasenateri

No	ABAGOMBAGA GUHUGURWA		ABAHUGUWE					
	ICYICIRO	UMUBARE	Bose	%	Gore			
					Bose	%		
1	Abahuguwe ku rwego rw'Igihugu		72	57	79.2	23	40.4	
2	Abakandida		63	58	92.1	25	43.1	
3	Indorezezi z'amatora		292	65	22.2	26	40	
4	Abagize inteko itora		4,130	3,200	77.5	1,113	34.8	
5	Abakorera bushake bayoboye amatora		90	90	100	24	26.6	
6	Komite Mpuzabi korwa z'Uburere Mboneragihugu	INTARA	AKARERE					
		Amajyepfo	Gisagara	628	582	92.7	195	33.5
			Huye	784	682	87.0	261	38.3
			Kamonyi	616	526	85.4	192	36.5
			Muhanga	648	616	95.1	271	44.0
			Nyamagabe	940	851	90.5	387	45.5
			Nyanza	528	450	85.2	143	31.8
			Nyaruguru	744	685	92.1	296	43.2
			Ruhango	580	519	89.5	188	36.2
		Iburasirazuba	Bugesera	748	722	96.5	210	29.1
			Gatsibo	720	555	77.1	148	26.7
			Kayanza	544	464	85.3	125	26.9
			Kirehe	624	580	93	144	25.0
			Ngoma	680	605	89	202	33.4
			Nyagatare	1,016	870	85.7	245	28.2
			Rwamagana	824	719	87.3	228	31.7

No	ABAGOMBAGA GUHUGURWA			ABAHUGUWE				
	ICYICIRO			UMUBARE	Bose	%	Gore	
							Bose	%
	Iburengerazuba	Nyabihu	728	685	94.1	197	28.8	
		Karongi	860	789	91.7	235	29.8	
		Rutsiro	652	605	92.8	144	23.8	
		Rubavu	784	759	96.8	198	26.1	
		Ngororero	740	680	91.9	225	33.1	
		Rusizi	1000	836	83.6	339	40.6	
		Nyamasheke	724	666	92.0	241	36.2	
	Umujyi wa Kigali	Gasabo	764	646	84.6	246	38.1	
		Kicukiro	455	338	74.3	123	36.4	
		Nyarugenge	496	376	75.8	138	36.7	
	Amajyaruguru	Gicumbi	1,132	1,048	92.6	303	28.9	
		Burera	756	709	93.8	223	31.5	
		Gakenke	1,004	942	93.8	319	33.9	
		Rulindo	772	689	89.2	237	34.4	
		Musanze	724	704	97.2	211	30	
7	Abahuguwe na Komite Mpuzabikorwa z'Uburere Mboneragihugu bose mu Gihugu			-	3,288,022	-	1,472,185	44.7

2.7.2 Uburyo bwakoreshejwe mu guhugura ku matora y'Abasenateri

- Inama rusange z'abaturage ku minsi y'umuganda;
- Ikiganiro “**Inzira ya Demokarasi**” gitangwa buri wa kabiri kuri Radio Rwanda;
- Ibiganiro ku ma Radio na Televiziyo atandukanye;
- Ibiganiro n'Abanyamakuru (**Press Conference**);
- Ubutumwa n'amatangazo mu bitangazamakuru byandika;
- Ubutumwa bwanditse bumanitse ahantu hatandukanye;
- Ubutumwa n'amatangazo hakoreshejwe interineti n'imbuga nkoranyambaga.

2.8 Kumenyekanisha no gutegura ahatorerwa

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagennye kandi itegura ibiro by'itora **30** bingana n'umubare w'Uturere mu matora y'Abasenateri 12 batorerwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali.

Hashingiwe ku buryo ibigo byegeranye, hashyizweho ibiro by'itora **13** muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibiro **12** muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga. Ibi biro by'itora byamenyeshejwe abo bireba bose ku gihe kandi bitegurwa ku bufatanye n'abakorera b'amatara n'Ubuyobozi bw'Uturere n'ubwa Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibigenga.

2.9 Gutumira no kwakira Indorerezi z'amatora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatumiye kandi yakira Indorerezi **292**, zirimo **258** nyarwanda na **34** mvamahanga, ikorana inama nazo ku wa 05/09/2019 hagamijwe kuzisobanurira uko amatora y'Abasenateri ateguye n'Amabwiriza ayagenga by'umwihariko ku birebana n'imyitwarire yazo. Imbonerahamwe ikurikira irerekana imibare y'indorerezi zakurikiranye amatora, aho zaturutse n'aho zakurikiranye.

Imbonerahamwe ya 6: Indorerezi zakurikiranye amatora y'Abasenateri

N°	UMURYANGO/IKIGO	UMUBARE W'INDOREREZI	GABO	GORE	
				BOSE%	
INDOREREZI ZIKOMOKA MU RWANDA		258	145	113	43.8
1	NATIONAL COMMISSION FOR THE FIGHT AGAINST GENOCIDE	16	8	8	50.0
2	RWANDA CIVIL SOCIETY PLATFORM	43	30	13	30.2
3	RWANDA GOVERNANCE BOARD (RGB)	30	15	15	50.0
4	NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS	51	16	35	68.6
5	NATIONAL UNITY AND RECONCILIATION COMMISSION	40	25	15	37.5
6	OFFICE OF OMBUDSMAN	5	5	0	0.0
7	FRIENDS PEACE HOUSE	30	20	10	33.3
8	NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS	28	14	14	50.0
9	MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT	12	9	3	25.0
10	NATIONAL YOUTH COUNCIL	3	3	0	0.0
INDOREREZI MVAMAHANGA		34	19	15	44.1
1	EMBASSY OF THE REPUBLIC OF CONGO	3	2	1	33.3
2	EMBASSY OF EGYPT	1	0	1	100

3	EMBASSY OF THE DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO	3	2	1	33.3
4	NIGERIA HIGH COMMISSION	4	3	1	25.0
5	EMBASSY OF UNITED STATES OF AMERICA	2	2	0	0.0
6	BRITISH HIGH COMMISSION	4	2	2	50.0
7	TANZANIA HIGH COMMISSION	1	1	0	0.0
8	EUROPEAN UNION	4	2	2	50.0
9	EMBASSY OF NETHERLANDS	2	1	1	50.0
10	EMBASSY OF BELGIUM	2	1	1	50.0
11	EMBASSY OF GERMANY	8	3	5	62.5
IGITERANYO RUSANGE		292	164	128	43.8

2.10 Kwakira no kwemeza kandidatire

Kuva ku itariki ya 22/07 kugeza ku itariki ya 09/08/2019 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye dosiye z'abakandida Senateri **69** zirimo iz'abagore **26** bangana na **37.8%**.


Imaze kuzisuzuma no kugaragaza ibyatanzwe n'ibibura muri buri dosiye, izishyikirizae Urukiko rw'Ikirenga ku itariki ya 12/08/2019 kugira ngo rwemeze izujuje ibisabwa. Uko kandidatire zemejwe bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe ya 7: Abakandida bemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'aho batorerwa

Aho Abakandida biyamamaje	Imyanya itorerwa	KANDIDATIRE ZAKIRIWE				KANDIDATIRE ZEMEJWE			
		Zose	Gabo	Gore	Gore%	Zose	Gabo	Gore	Gore%
Mu Ntara n'Umujyi wa Kigali	12	62	39	23	37.1	58	33	25	43.1
Amajyaruguru	2	7	4	3	42.9	7	4	3	42.9
Amajyepfo	3	23	10	13	56.5	23	10	13	56.5
Iburasirazuba	3	11	7	4	36.4	9	5	4	44.4
Iburengerazuba	3	16	13	3	18.8	15	10	5	33.3
Umujyi wa Kigali	1	5	5		0.0	4	4	0	0.0

Muri Kaminuza n'Amashuri Makuru	2	7	7		0.0	7	7	0	0.0
Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta	1	3	3		0.0	4	4	0	0.0
Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga	1	4	4		0.0	3	3	0	0.0
IGITERANYO RUSANGE	14	69	46	23	33.3	63	38	25	39.7

Muri kandidatire 69 zashyikirijwe Urukiko rw'Ikirenga, hemejwe 63 zirimo abagore 25 bangana 39.7% n'abagabo 38 bangana na 60.4%.



2.11 Kwiyamamaza kw'Abakandida

Abakandida biyamamaje kuva tariki ya 26 Kanama kugeza ku ya 15 Nzeri 2019. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yumvikanye n'Abakandida kuri gahunda yo kwiyamamaza nibura rimwe imbere y'inteko itora kuri buri Biro by'itora.

Ku bufatanye n'Ubuyobozi bw'Uturere n'ubwa Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibygenga, hateguwe site zo kwiyamamarizaho. By'umwihariko, Komosiyo yarohereje Abakandida guhura n'abagize inteko itora, kandi ikurikirana umunsi ku wundi igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida. Imbonerahamwe ikurikira irerekana gahunda yo kwiyamamaza yemeranyijweho.

Imbonerahamwe ya 8: Gahunda na site zo kwiyamamaza mu Ntara n'Umujyi wa Kigali

SITE Z'IYAMAMAZA N'ITORA RY'ABASENATERI				
No	INTARA /COK	AKARERE	ITARIKI	SITE (Gutangira 10:h00)
1	Umujyi wa Kigali	Gasabo	27/08/19	Ku Murenge wa Kimihurura
		Kicukiro	03/09/19	Salle y'Akarere
		Nyarugenge	11/09/19	City Hall
2	Amajyaruguru	Gicumbi	27/08/19	Salle y'Akarere
		Burera	29/08/19	Salle y'Akarere
		Musanze	30/08/19	Salle y'Akarere
		Gakenke	10/09/19	Salle y'Akarere
		Rulindo	11/09/19	Salle y'Akarere
3	Amajyepfo	Nyamagabe	27/08/19	Salle y'Akarere
		Nyaruguru	28/08/19	Pacis Hotel
		Gisagara	03/09/19	Salle y'Akarere
		Huye	04/09/19	Salle y'Akarere
		Nyanza	10/09/19	Salle y'Akarere
		Ruhango	11/09/19	Salle y'Akarere
		Muhanga	12/09/19	Salle y'Akarere
		Kamonyi	13/09/19	Salle y'Akarere
4	Iburasirazuba	Rwamagana	27/08/19	Salle y'Intara
		Kayonza	28/08/19	Salle y'Akarere
		Nyagatare	03/09/19	Salle y'Akarere
		Gatsibo	04/09/19	Salle y'Akarere
		Kirehe	10/09/19	Salle y'Akarere
		Ngoma	11/09/19	Salle y'Akarere
		Bugesera	13/09/19	Salle y'Akarere
5	Iburengerazuba	Rusizi	27/08/19	Salle y'Akarere
		Nyamasheke	28/08/19	Salle y'Akarere
		Karongi	29/08/19	Salle y'Akarere
		Rutsiro	03/09/19	Salle y'Akarere
		Ngororero	04/09/19	Salle y'Akarere
		Nyabihu	11/09/19	Salle y'Akarere
		Rubavu	12/09/19	Salle y'Akarere

Imbonerahamwe ya 9: Gahunda na site zo kwiyamamaza muri Kaminuza n'Amashuri Makuru

INTARA / UMUJYI WA KIGALI	AHAZIYAMAMARIZWA N'ITARIKI				CAMPUS ZIZAHAHURIRA (Gutangira 10h:00)
	AKARERE	ITARIKI		SITE	
		Public	Private		
Umujyi wa Kigali	Gasabo		29/08	AUCA	AUCA, ULK, UTB, UK, KEPPLER, AKILA, CHU, UNILAK, ST JOS ITC, Mt Kenya, KIM, ILDP
	Nyarugenge	13/09		Former KIST	UR Nyarugenge, UR Remera, UR Gikondo
Amajyaruguru	Musanze		04/09	INES	INES, UK, UGH,
		05/09		CAVM Busogo	CAVM, IPRC Musanze
	Rulindo	05/09		IPRC Tumba	IPRC Tumba na UNIK Rulindo
	Gicumbi		13/09	UTAB	UTAB
Amajyepfo	Huye	29/08		UR	UR, IPRC South and Kitabi, ILPD
			30/08	PIASS	PIASS, CUR
	Nyanza		03/09	INILAK	INILAK, Uof Gitwe, ICE,
	Muhanga		11/09	ICK	ICK
Iburasirazuba	Nyagatare	02/09		UR/Polytechnic	UR Nyagatare
	Kayonza	03/09		UR Rukara	UR Rukara
	Rwamagana	04/09		UR Rwamagana	Nursing, IPRC Gishali and Ngoma
	Rwamagana		06/09	INILAK	INILAK
	Nyagatare		06/09	EAUR	EAUR Nyagatare
	Ngoma		09/09	UNIK	UNIK Ngoma
Iburengerazuba	Karongi	09/09		IPRC	IPRC, UR Rusizi
			10/09	IPRC	PIASS, CHUR, AUCA, Kibogora Poly
	Rubavu		12/09	ULK	ULK and UTB Gisenyi

Muri rusange igikorwa cyo kwiyamamaza cyagenze neza. Abakandida biyamamaje bakurikiza ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora. Imbonerahamwe ya 10 ikurikira irekana uko Inteko zitora zitabiriye igikorwa cyo kwiyamamaza.

Imbonerahamwe ya 10: Ubwitabire mu kwiyamamaza

INTARA	ABAGOMBAGA KWITABIRA					ABITABIRIYE					
	Gabo	%	Gore	%	Bose	Gabo	%	Gore	%	Bose	%
AMAJYARUGURU	264	60.8	170	39.2	434	235	56.9	178	43.1	413	95.2
AMAJYEPFO	294	57.3	219	42.7	513	287	59.1	199	40.9	486	94.7
IBURASIRAZUBA	286	59.3	196	40.7	482	187	40.6	274	59.4	461	95.6
IBURENGERAZUBA	286	60.0	191	40.0	477	232	59.0	161	41.0	393	82.4
UMUJYI WA KIGALI	67	57.8	49	42.2	116	64	59.8	43	40.2	107	92.2
IGIHUGU	1,197	59.2	825	40.8	2,022	1,005	54.0	855	46.0	1,860	92.0
MU MASHURI											
KAMINUZA N'AMASHURI MAKURI BYA LETA	1,088	78.8	293	21.2	1,381	617	74.1	216	25.9	833	60.3
KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYIGENGA	593	81.6	134	18.4	727	335	74.6	114	25.4	449	61.8

3. AMATORA NYIRIZINA N'IBYAYAVUYEMO

3.1 Uko amatora yagenze

Ibikoresho by'amatora byageze ku Biro by'itora ku gihe, amatora atangira bitarenze saa yine n'igice kandi asozwa saa saba nk'uko bitenywa n'Amabwiriza agenga ayo matora. Muri rusange, amatora yagenze neza ku byiciro byose, akorwa mu mucyo no mu bwisanzure.



3.2 Ubwitabire mu matora

Amatora y'Abasenateri yitabiriwe ku gipimo kingana na 95.8% mu matora y'Abasenateri batorwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali. Muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga ubwitabire bwageze ku kigero cya 83.2%, naho muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta ubwitabire bwari 69.5%, nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibyerekanaga.

Imbonerahamwe ya 11: Ubwitabire mu matora y'Abasenateri mu 2019

Aho batoreye	Inteko itora	Abatoye	
		Bose	%
Mu Ntara n'Umujyi wa Kigali	2,022	1,938	95.8
Umujyi wa Kigali	116	110	94.8
Amajyaruguru	434	417	96.1
Amajyepfo	513	502	97.9
Iburasirazuba	482	458	95.0
Iburengerazuba	477	451	94.5
Muri Kaminuza n'Amashuri Makuru	2,108	1,565	74.2

Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta	1,381	960	69.5
Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga	727	605	83.2
Igiteranyo rusange	4,130	3,503	84.8



Abagize inteko itora bihitiyemo Abasenateri, kandi batorera heza

3.3 Ibyavuye mu matora

Imbonerahamwe ikurikira irerekana abatowe cumi na bane (14) mu myanya y'Abasenateri n'amajwi bagize.

Imbonerahamwe ya 12: Abatowe mu myanya y'Abasenateri

Aho biyamamarije	Amazina y'abatowe		Amajwi babonye	
			Yose	%
Intara y'Amajyaruguru	1	HABINEZA Faustin	299	71.9
	2	NYINAWAMWIZA Laetitia	260	62.5
Intara y'Amajyepfo	1	UMUHIRE Adrie	277	55.3
	2	NKURUNZIZA Innocent	276	55.1
	3	UWERA Pélagie	239	47.7
Intara y'Iburasirazuba	1	BIDERI John Bonds	340	74.6
	2	NSENGIYUMVA Fulgence	308	67.5
	3	MUPENZI George	289	63.4
Intara y'Iburengerazuba	1	MURESHYANKWANO Marie Rose	317	70.3
	2	HAVUGIMANA Emmanuel	257	57.0
	3	DUSHIMIMANA Lambert	239	53.0
Umujyi wa Kigali	1	NTIDENDEREZA William	66	60.0
Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta	1	NIYOMUGABO Cyprien	631	66.6
Kaminuza n'amashuri makuru byigenga	1	KANYARUKIGA Ephrem	347	59.3

Mu Mujyi wa Kigali, muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga nta mugore watanze kandidatire ku myanya y'Abasenateri. Mu Basenateri 14 batowe, abagore ni 4, bangana na **28.6%**. Mu mpfabusa 37 zabaruwe, 33 zingana na **89.2%** zabaruwe mu matora ya Kaminuza n'Amashuri Makuru, cyane cyane mu mashuri yigenga.

4. IKIGERERANYO CY'AMATORA YA 2011 N'AYA 2019

Hashingiwe ku bipimo bitandukanye imbonerahamwe ikurikira irerekana ikigereranyo hagati y'amatora y'Abasenateri ya 2011 na 2019.

Imbonerahamwe ya 13: Ikigereranyo cy'amatora y'Abasenateri mu 2011 no mu 2019

N°	IBIPIMO	2011	2019	Ikinyuranyo	%
1	Abari k'urutonde rw'itora bose	3,592	4,130	538	15
	Abari ku ilisiti y'itora ku Basenateri batorerwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali	2,096	2,022	-74	-3.5
	Abari ku ilisiti y'itora muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta	1,134	1,381	974	85.9
	Abari ku ilisiti y'itora muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga	362	727	365	100.8
2	Kandidatire zakiriwe mu Ntara n'Umujyi wa Kigali	56	64	8	14.3
	Kandidatire muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta	5	2	-3	-60.0
	Kandidatire muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga	1	3	2	200.0
	Kandidatire zAbagore mu zemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga	31	40	9	29
3	Ibiro by'itora byakoreshejwe ku basenateri batorerwa mu Ntara	30	30	0	0.0
	Ibiro by'itora muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta	19	13	-6	-31.6
	Ibiro by'itora muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga	10	12	2	20.0
4	Abakorerabushake bayoboye amatora	295	90	-205	-69.5
5	Ubwitabire mu matora y'Abasenateri batorwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali	97.8	95.8	-2	-2.0
	Ubwitabire mu matora y'Abasenateri batorwa mu barium ba Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta	81.4	69.5	-12	-14.6
	Ubwitabire mu matora y'Abasenateri batorwa mu barium ba Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga	93.9	83.2	-11	-11.4

6	Ingengo y'imari yakoreshejwe mu ma Frw	495,998,846	261,112,224	-234,886,622	-47.4
	Ingengo y'imari yakoreshejwe mu ma Frw k'utora umwe	138,084	63,223	-74,861	-54.2
	Ingengo y'imari yakoreshejwe mu madolari (USD)	806,663	272,485	-534,179	-66.2
	Ingengo y'imari yakoreshejwe mu madolari (USD)/k'utora umwe	224.6	66.0	-158.6	-70.6
7	Indorezezi nyarwanda	232	258	26	11.2
	Indorezezi z'amahanga	66	34	-32	-48.5

USD = 908.0 Frw/USD on 17/09/2019 and 614.9 Frw on 26-27/09/2011

Hashingiwe ku bipimo byingenzi biranga amatora, ibyahindutse mu matora y'Abasenateri yo muri 2011 n'ayo muri 2019 ni ibikurikira.

- 1. Abari ku ilisiti z'itora** bariyongereye muri rusange bava kuri 3,59 bagera kuri 4,130 (15%), cyane cyane muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga aho umubare w'abatora wikubye 2 ukava kuri 362 ukagera kuri 727 kubera ubwiyongere bw'ayo mashuri. No muri Kamiznuzi n'Amashuri Makuru bya Leta umubare w'abatora wiyongereyeho 22% kubera ubwiyongere bw'amashuri n'ubw'abaarimu n'abashakashatsi. Mu Ntara n'Umujyi wa Kigali abatora bagabanutseho 4% kubera kugabanyuka kw'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali n'impinduka mu miterere y'inzego zigize Uturere tw'Umujyi wa Kigali.
- 2. Kandidatire** zakiriwe zose zariyongereye ziva kuri 62 mu 2011 zigera kuri 69 mu 2019 (+11.3%). Ibyo byerekana ko Abanyarwanda bongera ubushake bwo kuba mu nzego ziyobora igihugu cyabo kandi bakiyongerera n'icyizere mu bushobozi bwo kuzuzanya inshingano zibategereje muri izo nzego. Abagore bariyongereye muri kandidatire zakiriwe, bava kuri 31% mu 2011 bagera kuri 33% mu 2019, cyane cyane bava kuri 31% bagera kuri 40% mu bakandida bemejwe n'Urukoko rw'Ikirenga (+9%). Bivuze ko Abagore biyongereye icyizere, bakaba banarushaho kuzuzanya neza ibisabwa kugira ngo bemezwe nk'Abakandida Senateri.
- 3. Abakorera bushake** bayoboye amatora baragabanutse bava kuri 295 mu 2011 bagera kuri 90 mu 2019: habaye ubushake bwo kubagabanya, hashingiwe ku bushobozi bwabo n'icyizere bafitiwe.
- 4. Ubwitabire** mu matora y'Abasenateri bwaragabanutse. Mu Ntara n'Umujyi wa Kigali bwari 97.8% buba 95.8% mu 2019 (-2.0%). Muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta, ubwitabire bwari 81.4% mu 2011 buba 69.5 mu 2019 (-14.6%) naho muri Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga bwagabanutseho 11.4%.
- 5. Ingengo y'imari yakoreshejwe** mu matora y'Abasenateri yari 495,998,846Frw angana na 806,663USD yaragabanutse hakoreshejwe 261,112,224Frw (272,485USD) mu 2019 (-234,886,622Frw = -534,179 USD). Bivuze ko ingengo y'imari yagabanutseho 47.4% mu mafaranga nyarwanda cyangwa 66.2% mu madolari y'Amerika. Ingengo y'imari yakoreshejwe kuri buri munyarwanda watoye yagabanyutseho 54.2% mu mafaranga y'u Rwanda, igabanyukaho 70.6% ibazwe mu ma dolari y'Amerika.

6. Indorerezi zakurikiye amatora y'Abasenateri mu 2011 zari 298; zabaye 292 mu 2019, cyane kubera indorerezi mvamahanga zagabanyutseho 32 (-48.5%), naho indorerezi nyarwanda ziyongereyeho 26 (+11.2%).

5. IBYARANZE AMATORA

5.1 Ibyiza byaranze amatora

1. Ku bufatanye n'izindi nzego, gahunda y'amatora yateguwe kare, igezwa ku nzego bireba kandi yemezwa ku gihe;
2. Ingengo y'imari yari ikenewe yarabonetse kandi ibonekera igihe;
3. Ilisiti y'inteko zitora Abasenateri batorwa mu Ntra no mu Muji wa Kigali yateguwe kare hashingiwe ku miterere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu;
4. Kandidatire zakiriwe zariyongereye ziba 69, ugereranyije na 62 zakiriwe mu matora ya 2011, kandi muri zo kandidatire z'abagore zakiriwe ziyongereyeho ; cyane cyane bava kuri 31% bagera kuri 40% mu bakandida bemejwe n'Urukoko rw'Ikirenga
5. Ubufatanye bwiza n'Inzego z'Ibanze n'iz'ubuyobozi bwa Kaminuza n'Amashuri Makuru mu gutegura inteko itora no gutegura ahiyamamarijwe n'ahatorewe;
6. Amasaha yo gutangira no gusoza itora yarubahirijwe;
7. Ingengo y'imari mu madolari y'Amerika yakoreshejwe mu matora kuri buri munyarwanda watoye yagabanutseho 70.6% ugereranyije n'iyakoreshejwe mu matora yo mu 2011;
8. Gukoresha ikoranabuhanga ryihutishije ihuzwa ry'amajwi haba ku Ntara no ku rwego rw'Igihugu.

5.2 Imbogamizi zagaragaye

1. Amateka arebana n'amatora n'amabwiriza agenga amatora byemejwe bitinze;
2. Ingorane mu gutegura ilisiti y'inteko zitora muri Kaminuza n'Amashuri Makuru;
3. Umubare w'abakandida b'abagore wariyongereye muri rusange, ariko nta mugore wiyamamaje mu Muji wa Kigali no muri Kaminuza n'Amashuri Makuru;
4. Mu matora y'Abasenateri batorerwa muri Kaminuza n'Amashuri Makuru ubwitabire bwariyongereye n'ubwo butageze ku kigero gishimishije, kandi hagaragaye n'imfabusa nyinshi.

6. INGAMBA

1. Kongera inyigisho z'uburere mboneragihugu n'ubukangurambaga ku matora, cyane cyane muri Kaminuza n'Amashuri Makuru;
2. Ku bufatanye n'inzego z'abagore, gukomeza gushishikariza abagore kwitabira gutanga kandidatire;

7. UMUSOZO

Amatora y'Abasenateri yagenze neza kuva ku myiteguro kugera ku gikorwa cy'amatora nyirizina. Amatora yakozwe mu mucyo, mu mutekano no mu bwisanzure, hubahirizwa Amategeko n'Amabwiriza agenga amatora. Ibyavuye mu matora byakiriwe neza n'abanyarwanda muri rusange n'abakandida by'umwihariko.

Ubufatanye bw'Inzego zitandukanye bwabaye inkingi ikomeye mu migendekere myiza y'aya matora. Ubunyangamugayo n'ubunyamwuga bw'abayoboye amatora, aribo Abakomiseri, Abakozi ba Komisiyo n'Abakorera bushake b'amatora ni byo byatanze umusaruro wagezweho.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira buri wese wagize uruhare muri aya matora, inabizeza kuzakomeza kwimakaza demokarasi binyuze mu matora.

8. IMIGEREKA

1. GAHUNDA Y'AMATORA Y'ABASENATERI

N°	IGIKORWA	IGIHE KIZAKORERWA
1	Gutegura Iteka rya Perezida rigena iminsi y'amatora n'igihe cyo kwiyamamaza mu itora ry'Abasenateri	Ugushyingo 2018 - Mutarama 2019
2	Gutegura Iteka rya Perezida rigena ifasi y'itora n'umubare w'Abasenateri batorwa muri buri fasi rigena n'abagize inteko itora	Ugushyingo 2018 - Mutarama 2019
3	Gutegura umushinga wa gahunda y'amatora y'Abasenateri	Ugushyingo 2018 - Mutarama 2019
4	Kwemeza Amateka ya Perezida yerekeye amatora y'Abasenateri	Bitarenze Werurwe 2019
5	Kwemeza gahunda y'amatora y'Abasenateri	Bitarenze Werurwe 2019
6	Gutegura no gushaka ingengo y'imari	Ugushyingo 2018 - Kamena 2019
7	Kugena no gushaka ibikoresho by'amatora	Ugushyingo 2018 - Nyakanga 2019
8	Gutanga Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora y'Abasenateri	Ukuboza 2018 - Nzeri 2019
9	Gutumira no kwemeza indorerezi z'amatora	Gicurasi - Nzeri 2019
10	Kwakira Kandidature z'abifuzaga kuba abasenateri	22/07 - 09/08/2019
11	Gushyiraho no guhugura Abazayobora amatora y'Abasenateri	01 - 30/08 2019
12	Gushyikiriza urukiko rw'Ikirenga kandidature zakiriwe	12/08/2019
13	Gutangaza kandidature zemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga	Bitarenze 18/08/2019
14	Gutegura gutangaza no kumenyekanisha urutonde rw'Inteko itora	Bitarenze 27/08/2019
15	Gutangaza ibiro by'itora	Bitarenze 27/08/2019

16	Guhugura abagize Inteko Itora (Ilisiti y'itora)	05 - 10/09/2019
17	Kwiyamamaza kw'abakandida	27 /08 - 15/09/2019
18	Gukora impapuro z' itora	26/08 - 09/09/2019
19	Kugeza ibikoresho by'amatora ahazatorerwa no kuhategurirwa	14 - 15/09/2019
20	Kuyobora amatora y'Abasenateri cumi na babiri (12)batorwa n'inzego zihariye	16/09/2019
21	Kuyobora amatora y'Umusenateri umwe (1) wo muri za Kaminuza no mu mashuri makuru bya Leta	17/09/2019
22	Kuyobora amatora y'Umusenateri umwe (1) wo muri za Kaminuza no mu mashuri makuru byigenga	18/09/2019
23	Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora	Bitarenze 23 /09/2019
24	Gutangaza burundu ibyavuye mu matora	Bitarenze 30/09/2019
25	Gutegura no gutanga raporo y'Amatora	Bitarenze 30/10/2019

2. ABAHUGUWE NA KOMITE MPUZABIKORWA

ICYICIRO	AMAJYEPFO			UMUJYI WA KIGALI			AMAJYARUGURU			IBURASIRAZUBA			IBURENGE RAZUBA			IGITERANYO		
	BOSE	GORE	%	BOSE	GORE	%	BOSE	GORE	%	BOSE	GORE	%	BOSE	GORE	%	BOSE	GORE	%
Abayo bozi mu nzego z'ibanze	1,241	394	32	-	-	-	-	-	-	-	-	-	1,456	610	41.9	1,004	28.3	3,543
Inzego z'umutekano	207	83	40	-	-	-	22	-	-	104	17	16	318	126	39.6	226	35.9	629
Abagize Komite mpuzabikorwa z'uburere mbonera-gihugu	5,679	2,006	35	1,060	333	31	-	-	-	4,515	1,303	29	5,984	2196	36.7	5,838	33.9	17,238
Itorero ry'urugerero ruciye ingando	329	121	37	-	-	-	-	-	-	3,694	1,495	40	524	129	24.6	1,745	38.9	4,547
Abikorera	689	256	37	-	-	-	-	-	-	-	-	-	758	299	39.5	555	38.9	1,447
Youth Volunteers	383	119	31	-	-	-	-	-	-	10,278	4,281	42	619	214	34.6	4,614	40.9	11,280
Abavugururikurikurikana	267	121	45	-	-	-	-	-	-	-	-	-	828	217	26.2	338	30.9	1,095
Inteko rusange z'Abaturage mu mirengere n'Utugari	101,526	43,802	43	686,000	266,000	39	-	-	-	272,826	107,525	39	3,569	1786	50.0	419,113	39.4	1,063,921
Abakozi b'uturere n'imirengere	257	119	46	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	0	0	119	46.3	257

Inama y'Igihugu z'Urubwiruko mu turere, mu mirenge no mu tugari	1,347	478	35	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	0	0	478	35.0	1,347
Inama z'Igihugu z'Abagore mu turere mu mirenge no mu tugari	3,397	3,397	100	5,953	5,953	100	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	100	100	29,234	100	29,234
Inama z'Igihugu z'Abafite ubumuga mu turere no mu Mirenge	156	54	35	-	-	-	153	53	35	1,053	490	46.5	597	43.9	1,359								
Abafatanyabikorwa b'Uturere	373	134	36	-	-	-	-	-	-	421	86	20.4	220	27.7	794								
Cooperative z'Abahinzi	172	74	43	-	-	-	-	-	-	518	219	42.3	293	42.5	690								
Imigoroba y'abayeyi	6,678	4,316	65	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	6,678	4,316	64.6	-	-	-	-	-	6,678
Abamotari	173	-	-	-	-	-	-	-	-	-	0	0	-	-	173	-	-	-	-	-	-	-	173
Abanyonzi b'amagare	78	-	-	-	-	-	-	-	-	-	0	0	-	-	78	-	-	-	-	-	-	-	78
Imiganda	224,476	110,107	49	198,000	89,000	45	472,260	211,549	45	925,206	474,754	51.3	1,001,737	46.8	2,139,415								
Abafatanyabikorwa b'Uturere	-	-	-	-	-	-	2,290	1,156	50	-	0	0	1,156	50.5	2,290								
Abanyamuryango b'amakopere-rative	-	-	-	-	-	-	-	-	-	421	86	20.4	86	20.4	421								
Abavugarikumvikana	-	-	-	-	-	-	-	-	-	828	217	26.2	217	26.2	828								

Abikorera	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	758	299	39.5	758
Umugoroba w' Ababyeyi	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	-	351,402	238,455	67.9	351,402
IGITERANYO RUSANGE	347,428	165,581	48	891,013	361,286	41	319,495	116,327	36	783,356	344,615	50	945,909	484,376	51.0	1,472,185	45.5	3,288,022				

3. INDOREREZI ZAKURIKIRANYE AMATORA

N°	Urwego	Bose	Uwari ukuriye itsinda	Aho bakurikiranye
1	NATIONAL YOUTH COUNCIL	3	MWESIGWA Robert	Iburasirazuba, Iburengerazuba, Amajyaruguru
2	EMBASSY OF THE REPUBLIC OF CONGO	3	H.E. TWALA George NKOSINATI	Umujyi wa Kigali
3	EMBASSY OF THE UNITED STATES OF AMERICA	2	John CALLAN	Igihugu cyose
4	NATIONAL COMMISSION FOR THE FIGHT AGAINST GENOCIDE	16	NYIRACUMI Anne Marie	Igihugu cyose
5	RWANDA CIVIL SOCIETY PLATFORM	43	SEKANYANGE J. Leonard	Igihugu cyose
6	EMBASSY OF REPUBLIC ARAB OF EGYPT	1	RIHAM Gamal Eldin H. M. Aly	Umujyi wa Kigali
7	NIGERIA HIGH COMMISSION	4	H.E ADAMU ONOZE Shuaibu	Amajyaruguru & Iburengerazuba
8	NATIONAL COMMISSION FOR HUMAN RIGHTS	51	NIRERE Madeleine	Igihugu cyose
9	NATIONAL UNITY AND RECONCILIATION COMMISSION	40	Bishop John RUCYAHANA	Igihugu cyose
10	RWANDA GOVERNANCE BOARD	30	KALISA Edward	Igihugu cyose
11	MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT	12		Iburasirazuba, Amajyaruguru, Amajyepfo, Iburengerazuba
12	OFFICE OF THE OMBUDSMAN	5	MBARUBUKEYE Xavier	Igihugu cyose
13	NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL PARTIES AND ORGANIZATIONS	28	BURASANZWE Oswald	Igihugu cyose
14	EMBASSY OF THE DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO	3	KIMPEMBE BAMBA Alice	Umujyi wa Kigali & Intara y'Iburengerazuba
15	TANZANIA HIGH COMMISSION	1		Igihugu cyose
16	FRIENDS PEACE HOUSE	30	SAMVURA Antoine	Iburasirazuba, Amajyaruguru, Umujyi wa Kigali
17	BRITISH HIGH COMMISSION	4	BHAVIK Shah	Igihugu cyose
18	EMBASSY OF BELGIUM	2	FOLLEBOUCKT Xavier	Igihugu cyose
19	EMBASSY OF GERMANY	8	H.E. Thomas KURZ	Igihugu cyose
20	EUROPEAN UNION	4	Ben NUPNAU	Igihugu cyose
21	EMBASSY OF NETHERLANDS	2	Sara STEUTEL	Igihugu cyose
IGITERANYO		292		

4. UBWITABIRE MU GIKORWA CYO KWIYAMAMAZA

a. Mu Ntara n'Umujyi wa Kigali

SITE ZIYAMAMARI-JWEHO	ABAGOMBAGA KWITABIRA			ABITABIRIYE			
	Gabo	Gore	Bose	Gabo	Gore	Bose	%
AMAJYARUGURU	264	170	434	235	178	413	95.2
GICUMBI	62	38	100	57	39	96	96.0
BURERA	48	35	83	35	47	82	98.8
MUSANZE	45	29	74	36	24	60	81.1
GAKENKE	58	35	93	57	35	92	98.9
RULINDO	51	33	84	50	33	83	98.8
AMAJYEPFO	294	219	513	287	199	486	94.7
GISAGARA	39	26	65	40	21	61	93.8
HUYE	41	29	70	41	25	66	94.3
KAMONYI	33	29	62	31	26	57	91.9
MUHANGA	34	27	61	33	24	57	93.4
NYAMAGABE	44	39	83	44	39	83	100.0
NYANZA	29	24	53	27	21	48	90.6
NYARUGURU	45	26	71	43	26	69	97.2
RUHANGO	29	19	48	28	17	45	93.8
IBURASIRAZUBA	286	196	482	187	274	461	95.6
RWAMAGANA	36	34	70	34	34	68	97.1
KAYONZA	37	25	62	24	36	60	96.8
NYAGATARE	45	26	71	23	44	67	94.4
GATSIBO	45	26	71	23	42	65	91.5
KIREHE	36	26	62	26	35	61	98.4
NGOMA	45	26	71	26	43	69	97.2
BUGESERA	42	33	75	31	40	71	94.7
IBURENGERAZUBA	286	191	477	232	161	393	82.4
RUSIZI	51	38	89	39	32	71	79.8
NYAMASHEKE	47	27	74	41	23	64	86.5
KARONGI	38	25	63	27	19	46	73.0
RUTSIRO	39	27	66	29	19	48	72.7
RUBAVU	36	23	59	26	22	48	81.4
NGORORERO	38	26	64	37	22	59	92.2
NYABIHU	37	25	62	33	24	57	91.9
UMUJYI WA KIGALI	67	49	116	64	43	107	92.2
GASABO	29	18	47	28	17	45	95.7
KICUKIRO	17	15	32	19	12	31	96.9
NYARUGENGE	21	16	37	17	14	31	83.8
IGIHUGU	1,197	825	2,022	1,005	855	1,860	92.0

b. Muri Kaminuza n'Amashuri Makuru

IBYICIRO	SITE ZIYAMAMARIJWEHO	UBWITABIRE						
		ABAGOMBAGA KWITABIRA			ABITABIRIYE			
		Gabo	Gore	Bose	Gabo	Gore	Bose	%
KAMINUZA N'AMASHURI MAKURI BYA LETA		1,088	293	1,381	604	208	804	58.2
	UR HUYE	206	40	246	81	24	105	42.7
	IPRC KITABI	9	3	12	0	0	0	0.0
	CAVEM BUSOGO	62	18	80	37	10	47	58.8
	IPRC TUMBA	35	5	40	35	5	40	100.0
	IPRC KARONGI	34	5	39	26	3	29	74.4
	KIST	500	159	659	263	102	365	55.4
	UR NYAGATARE	46	14	60	24	13	37	61.7
	UR RUKARA	114	25	139	96	35	131	94.2
	UR RWAMAGANA	49	14	63	20	9	21	33.3
	IPRC NGOMA	33	10	43	22	7	29	67.4
KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYIGENGA		593	134	727	338	109	447	61.5
	PIASS HUYE	36	14	50	21	8	29	58.0
	INILAK NYANZA	21	10	31	6	2	8	25.8
	UoGITWE	27	3	30	18	2	20	66.7
	ICK KABGAYI	20	2	22	17	2	19	86.4
	INES RUHENGERI	93	16	109	36	6	42	38.5
	UTAB BYUMBA	20	8	28	9	19	28	100.0
	ULK GISENYI	29	2	31	23	2	25	80.6
	EAUR NYAGATARE	13	0	13	0	8	8	61.5
	INILAK RWAMAGANA	6	2	8	6	2	8	100.0
	UNIK NGOMA	13	7	20	13	6	19	95.0
	AUCA	303	69	372	181	52	233	62.6
	IPRC KARONGI II	12	1	13	8	0	8	61.5
IGITERANYO RUSANGE		1,681	427	2,108	942	317	1,251	59.3

5. IBYAVUYE MU MATORA

IFASI	Abagombaga gutora	Abatoye bose	%	Abatoye neza	%	Impfabusa	Amazina y'abatowe	Amajwi babonye	%
Amajyaruguru	434	417	96.1	416	99.8	1	HABINEZA Faustin	299	71.9
							NYINAWAMWIZA Laetitia	260	62.5
							SIBOSIKO Consolée	67	16.1
							KABASINGA Chantal	52	12.5
							RWANYIZIRI Gaspard	49	11.8
							KABASHA Vedaste	38	9.1
							MUGENZI Richard	31	7.5
							UMUHIRE Adrie	277	55.3
							NKURUNZIZA Innocent	276	55.1
							UWERA Pélégie	239	47.7
Amajyepfo	513	502	97.9	501	99.8	1	DUSINGIZEMUNGU Jean Pierre	113	22.6
							SHYAKA Theobald	78	15.6
							MUKANDOLI Denyse	58	11.6
							MUKANDAMAGE Thacienne	49	9.8
							GATALI Callixte	46	9.2
							NKURAYIJA Jean de la Croix	43	8.6
							DUSHIMIMANA Janvier	40	7.9
							NSHIMIYIMANA Augustin	36	7.2
							NYIRANEZA Rose	31	6.2

IFASI	Abagombaga gutora	Abatoye bose	%	Abatoye neza	%	Impfabusa	Amazina y'abatowe	Amajwi babonye	%	
Iburasirazuba							NKEJUMUZIMA Emmanuel	28	5.6	
							MUKARUSANGA Marie Ignatiana	27	5.4	
							MUKASHEMA Immaculée	27	5.4	
							UMUTANGANA Aimée Jacqueline	26	5.2	
							MULINDAHABI Charline	25	5.0	
							MUKAMUSONERA Marie Claire	21	4.2	
							NGABIRAME BIRABONEYE Augustin	19	3.8	
							MUKAMUSONI Jeanne D'Arc	14	2.8	
							NIREBERAHO Angélique	14	2.8	
							MUKAYIRANGA Berthilde	9	1.8	
							BIDERI John Bonds	340	74.6	
							NSENGIYUMVA Fulgence	308	67.5	
							MUPENZI George	289	63.4	
							NKURUNZIZA Alexia	72	15.8	
		482	458	95.0	456	99.6	2	RUKEMANGANIZI Cyprien	68	14.9
								NDAHIRO Joël	68	14.9
								BAGWANEZA Théopiste	62	13.6
								MUKANDAMAGE Marceline	53	11.6
								MUKESHIMANA Clothilde	33	7.2

IFASI	Abagombaga gutora	Abatoye bose	%	Abatoye neza	%	Impfabusa	Amazina y'abatowe	Amajwi babonye	%
Iburengerazuba	477	451	94.6	451	100	0	MURESHYANKWANO M. Rose	317	70.3
							HAVUGIMANA Emmanuel	257	57.0
							DUSHIMIMANA Lambert	239	53.0
							MPORANYI Théobard	87	19.3
							KABAHIZI Célestin	74	16.4
							MUKAMUSONI MAHUKU Dariya	49	10.9
							GASHEGU KAGABO Julien	39	8.7
							UWINEZA Agnesta	37	8.2
							UWAMAMA Marie Claire	36	8.0
							NKILIYE Ildephonse	36	8.0
							KANOBAYIRE M. Chantal	36	8.0
							NIYIGENA Papias	32	7.1
							NYAMINANI Boniface	25	5.5
NSHIMIYIMANA Juvénal	21	4.7							
BIZIMANA MINANI Déogratias	17	3.8							
Umujyi wa Kigali	116	110	94.0	110	100	0	NTIDENDEREZA William	66	60.0
							MUTIMURA Zeno	20	18.2
							BUTEERA John	16	14.6
							RWAKAYIRO MPABUKA Ignace	8	7.3

IFASI	Abagombaga gutora	Abatoye bose	%	Abatoye neza	%	Impfabusa	Amazina y'abatowe	Amajwi babonye	%
Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta	1,381	960	69.5	947	98.7	13	NIYOMUGABO Cyprien	631	66.6
							KAYUMBA Pierre Claver	316	33.4
Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga							KANYARUKIGA Ephrem	347	59.3
	727	605	83.2	585	96.7	20	NKUNDABATWARE Innocent	158	27.0
							MUNYAMASOKO CYEZE Emmanuel	80	13.7

